**REPUBULIKA Y'URWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

# IMIRONGO NGENDERWAHO YEREKEYE GUTUNGANYA IMICUNGIRE Y'IRONDO MU GIHUGU

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'lgihugu;**

Ashingiye ku Iteka rya Perezida N° 107/01 ryo ku wa 10/07/2014 rigena inshingano n'imikorere ya Komite y'Umutekano mu ngingo yaryo ya 46;

Amaze kubona ko hari amategeko yavuguruwe harimo Itegeko n° 22/2019 ryo ku wa 29/07/2019 rigenga Umujyi wa Kigali , Itegeko n° 065/2021 ryo ku wa 09/10/2021rigenga akarere, iteka rya Perezida n° 001/01 ryo ku wa 6/02/2023 ryerekeye Umurenge, Akagali n'Umudugudu;

Mu rwego rwo kunoza imikorere y'irondo ndetse n'imikoranire hagati y'abakora irondo n'inzego zishinzwe gukurikirana imikorere y'irondo;

**ATANZE IMIRONGO NGENDERWAHO IKURIKIRA:**

## UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

### Ingingo ya mbere: Icyo iyi mirongo ngenderwaho igamije

Iyi mirongo ngenderwaho igena –

(a) uburyo bwo kubungabunga umutekano mu buryo bw'irondo bikozwe n'abaturage;

(b) imiterere n'imikorere y'irondo;



q.

(c) inshingano z'inzego z'imitegekere y' Igihugu zegerejwe abaturage n'urwego rw' Intara mu kubungabunga umutekano mu buryo bw'irondo.

**Ingingo ya 2: Isobanura**

Muri iyi mirongo ngenderwaho amagambo akurikira afite ubusobanuro bukurikira:

(a) **"agahimbazamusyi"** ni amafaranga akurwa mu musanzu w'irondo utangwa n'abaturage akagenerwa umuturage ukora irondo mu buryo bwa kinyamwuga;

(b) **"amakosa akomeye"** ni imyitwarire inyuranyije n'isabwa umunyerondo igira ingaruka mbi mu migendekere y' umutekano cyangwa ishobora kugira ingaruka mbi ku nyungu rusange;

(c) **"Inzego z'ibanze"** ni inzego z' imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zigizwe n'Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere n'Umujyi wa Kigali;

(d) **"irondo ritari iry' umwuga"** ni uburyo bwo kubungabunga umutekano bikozwe n'abaturage;

(e) **"Irondo ry'umwuga"** ni uburyo bwo kubungabunga umutekano kinyamwuga bukorwa n'abaturage batoranyijwe na bagenzi babo, bakemezwa n'inzego zibifitiye ububasha, abakoze irondo bakagenerwa agahimbazamusyi ku munsi bakozeho;

(f) **"umunyerondo w'umwuga"** ni umuturage ukora irondo mu mwanya w'abandi baturage batabasha kurikora ku giti cyabo kubera impamvu zitandukanye akarikora kinyamwuga kandi akagenerwa agahimbazamusyi gahwanye n'iminsi y' ukwezi yakoze;

(g) **"umunyerondo utari uw'umwuga"** ni umuturage ukora irondo nta gahimbazamushyi ategereje.

**Ingingo ya 3: Inkomoko y'ibishobora guhungabanya umutekano**

Umutekano ushobora guhungabanywa n'ibi bikurikira:

(a) kutagenzura abinjira n'abasohoka mu Midugudu;

(b) kudatangira amakuru ku gihe, mu gihe hari ibikorwa bishobora guhungabanya umutekano byagaragaye;

(c) irondo ridakorwa neza;

(d) imiyoborere itanoze irangwamo akarengane cyangwa ruswa;



ત.

(e) ibihuha n'ubuhanuzi by'umwanzi;

(f) kutagenzura amashyamba n'ibiyakorerwamo;

(g) kutamenya no kutagenzura inzira zishobora gukoreshwa n'abagizi ba nabi;

(h) ibiyobyabwenge;

(i) uburaya, ubuzererezi no kuba imburamukoro;

(j) kutagenzura amazu atuzuye n'adatuwemo;

(k) ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'ibirombe bitagenzurwa neza;

(l) imicungire itanoze y'abapagasi, abashumba, abayede, abakarani, n'abakozi bo mu ngo;

(m) ibikorwa by'ubucuruzi bukorerwa ahantu hatemewe kandi bidakurikije amategeko (ubucuruzi bwo mu ngo, mu mihanda, amagaraji n'ibindi);

(n) imikorere itanoze y'abakomisiyoneri, abavunjayi n'abandi bakorera ku mipaka ibikorwa bitazwi;

(o) imiturire itanoze; irimo –

   (i) gutura mu buryo bw'akajagari;

   (ii) inzu zituwemo n'abantu batazwi cyangwa bakora ibitazwi;

   (iii) inzu zikorerwamo ibitandukanye n'ibyo zagenewe (izikoreshwa nk'insengero, utubari, amacumbi n'ibindi bikorwa bisa nabyo).

**Ingingo ya 4: Ibyiciro by'irondo**

Irondo riri mu byiciro bibiri bikurikira:

(a) Irondo ritari iry' umwuga;
(b) Irondo ry'umwuga.

## UMUTWE WA II: IMITERERE, IMIKORERE N'IMIYOBORERE Y'IRONDO RITARI IRY' UMWUGA N'IRONDO RY' UMWUGA

### Icyiciro cya mbere: Imiterere, imikorere n'imiyoborere y'irondo ritari iry'umwuga

**Ingingo ya 5: Imiterere n' imikorere y' irondo ritari iry' umwuga**

(1) Irondo ritari iry'umwuga rikorwa n'abaturage mu buryo butegurwa n'Umukuru w'Umudugudu afatanyije n'Ushinzwe umutekano mu Mudugudu kandi abarikora ntibahabwa agahimbazamusyi.

(2) Irondo ritari iry'umwuga rikorerwa mu matsinda agenwa hagendewe ku bunini bw'umudugudu, umubare w'ingo zigize umudugudu n'ibindi bikorwa by'iterambere biri mu mudugudu.
Buri tsinda riba rigizwe n'abantu batandatu (6) bashobora kwiyongera bitewe n'impamvu zavuzwe mu gika kibaziriza iki.

(3) Irondo ritari iry'umwuga rikorwa nijoro. Icyakora, bitewe n'imiterere y'ibishobora guhungabanya umutekano mu Mudugudu, irondo rishobora gukorwa no ku manywa bimaze kumenyeshwa abarikora mu Nteko y'abaturage y'Umudugu.

**Ingingo ya 6: Abakora irondo ritari iry'umwuga**

(1) Irondo ritari iry' umwuga rikorwa n'umwe mu bagize umuryango ufite kuva ku myaka 18 ariko utarengeje imyaka 55 y' amavuko.

(2) Icyakora, umuturage ufite ubumuga cyangwa uburwayi bukomeye butamwemerera kurara irondo ariko afite icyemezo cya muganga wemewe na Leta asonerwa kurara irondo.

(3) Abaturage bakora imirimo itabemerera kurara irondo bitewe n'imiterere yayo, batanga umusanzu utari munsi y' amafaranga y' u Rwanda 500 ariko utarenga 1500 ku kwezi. Uyu musanzu wemezwa n'Inteko y'abaturage hashingiwe ku bushobozi bw'abawutanga.

(4) Abaturage bavugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo bishyura umusanzu aho batuye gusa.

**Ingingo ya 7: Kudakora irondo washyizwe kuri gahunda**

Umuturage udakora irondo yamenyeshejwe gahunda yaryo kandi nta mpamvu yumvikana yagaragarije Umukuru w'Umudugudu cyangwa Ushinzwe umutekano, atumirwa mu Nteko rusange y'abaturage agatanga ibisobanuro. Iyo bibaye inshuro ebyiri zikurikiranye atanga amande y'amafaranga y'u Rwanda agenwa n'Inteko y'abaturage b'Umudugudu atari munsi ya 500 ariko atarenga 1500 ku munsi yasibyeho.

**Ingingo ya 8: Imicungire y'umusanzu n'amande ahakorerwa irondo ritari iry'umwuga**

(1) Amafaranga y' umusanzu n'aya amande atangwa n'abaturage, byishyurwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga buteganwa n' iyi mirongo ngenderwaho, akishyurwa kuri Konti yabugenewe y'Akagari.

(2) Amafaranga y'umusanzu n'ay'amande acungwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akagari.

(3) Amafaranga y'umusanzu n'aya amande yifashishwa mu kugura ibikoresho bikenerwa mu matsinda y'irondo ritari iry'umwuga bimaze kwemezwa n'Inteko rusange y'abaturage mu Mudugudu kandi hashingiwe ku ngano y'umusanzu n'amande byakusanyijwe.

**Ingingo 9: Ibikoresho byifashishwa mu irondo ritari iry'umwuga**

Buri tsinda rikora irondo ritari iry'umwuga rihabwa nibura itoroshi imwe n'ibindi bikoresho byemezwa n'Inteko y'abaturage.

**Ingingo ya 10: Imiyoborere y' irondo ritari iry'umwuga**

(1) Irondo ritari iry'umwuga riyoborwa n'Umukuru w'Umudugudu yungirijwe n'Unshinzwe Umutekano mu Mudugudu.

(2) Abaturage bagenwa gukora irondo bayoborwa n'Umuyobozi w'itsinda ugenwa n'Umukuru w'Umudugudu.

**Ingingo ya 11: Raporo y'imigendekere y'irondo n'uburyo itangwa**

Ukuriye Itsinda ryaraye irondo atanga raporo y'imigendekere yaryo, akamenyesha ku gihe Umukuru w'Umudugudu ikibaye cyangwa igishobora kuba cyahungabanya umutekano; nawe akihutira kumenyesha inzego zimukuriye n'iz'umutekano zimwegereye.

**Ingingo ya 12: Inshingano z'abakora irondo ritari iry'umwuga**

Abakora irondo ritari iry'umwuga bafite inshingano zikurikira:

(a) gucunga umutekano w'abantu n'ibintu byabo;
(b) gushaka no gutangira ku gihe amakuru yose y' icyahungabanya umutekano;

(c) gutabara byihuse igihe hari umuturage utabaje;
(d) gutanga raporo y'imigendekere y'irondo ku Mukuru w'Umudugudu.

**Icyiciro cya 2: Imiterere n' imikorere y' irondo ry'umwuga**

**Ingingo ya 13: Abakora irondo ry'umwuga**

Irondo ry' umwuga rikorwa n'abaturage batoranywa n'inteko rusange y'abaturage mu Mudugudu, babifashijwemo n'ubuyobozi bw'Akagari aho bishoboka. Urutonde rw'abatoranyijwe rwemezwa na Komite Mpuzabikorwa y'Irondo ku Kagari.

**Ingingo ya 14: Imikorere y'irondo ry'umwuga**

(1) Irondo ry'umwuga rikorera mu ifasi yose y' Akagari cyangwa muri tumwe mu duce twayo.

(4) Irondo ry'umwuga rikorerwa mu matsinda agenwa hagendewe ku bunini bw'umudugudu, umubare w'ingo zigize umudugudu, ibindi bikorwa by'iterambere biri mu mudugudu n'ubushobozi bw'abaturage bwo kwishyura abakora irondo ry'umwuga. Riyoborwa n'umwe mu bigeze kuba mu nzego z'umutekano, aho bishoboka, ariko atarasezerewe azira imyitwarire mibi.
Buri tsinda riba rigizwe n'abantu batandatu (6) bashobora kwiyongera bitewe n'impamvu zavuzwe mu gika kibaziriza iki.

(2) Irondo ry'umwuga rikorwa nijoro. Icyakora, bitewe n'imiterere y'ibishobora guhungabanya umutekano mu Kagari, irondo rishobora gukorwa no ku manywa bimaze kwemezwa na Komite Mpuzabikorwa y' Irondo ku Kagari.

**Ingingo ya 15: Raporo y' imigendekere y' irondo**

Umuyobozi w'itsinda ryakoze irondo aha Umuhuzabikorwa w'irondo ku Kagari, akamenyesha Umukuru w' Umudugudu, raporo y'imigenderere yaryo cyangwa akamumenyesha ku gihe ikibaye cyangwa icyenda kuba cyahungabanya umutekano; nawe akihutira kumenyesha Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akagari n'inzego z'umutekano zimwegereye.

**Ingingo ya 16: Inshingano z' abakora irondo ry' umwuga**

Abakora irondo ry'umwuga bafite inshingano zihariye zikurikira:

(a) gucunga umutekano w'abantu n'ibintu byabo;

(b) gutabara byihuse igihe hari umuturage utabaje;
(c) gufata umuntu wese ufatiwe mu cyuho akora icyaha agashyikirizwa Ubuyobozi bw' Akagari;
(d) gufasha ubuyobozi bw' Akagari gushyira mu bikorwa ibyemezo byafashwe kubijyanye n' umutekano;
(e) gutanga raporo y'imigendekere y'irondo k'Ushinzwe Irondo ku Kagari;
(f) gushaka amakuru yose y' ibyahungabanya umutekano agatangirwa igihe;
(g) gukumira ibyaha bitaraba;
(h) kunganira inzego z' umutekano bayobowe na zo mu kurinda umutekano w'abaturage n'ibyabo igihe bibaye ngombwa;
(i) gukoresha no gufata neza ibikoresho byifashishwa mu irondo no kubisubiza igihe batari mu nshingano;
(j) kubaha no kubahiriza amabwiriza y'ubayobora.

**Ingingo 17: Ibikoresho byifashishwa mu irondo ry' umwuga**

Ukora irondo ry'umwuga ahabwa ibikoresho bikurikira:

(a) impuzankano z' akazi (ipantalo, ishati, *T-shirt*, ikoti ry'imvura);
(b) inkweto z'akazi (boots) n' amasogisi;
(c) itoroshi;
(d) indembo;
(e) ibikoresho by' itumanaho( telefoni,...);
(f) ibindi bikoresho byagaragazwa ko ari ngombwa.

**Ingingo ya 18: Ibigenderwaho mu gutoranya abakora irondo ry' umwuga**

Mu gutoranya abakora irondo ry' umwuga hitabwa kuri ibi bikurikira:

(a) kuba ari Umunyarwanda;
(b) kuba afite ubushake;
(c) kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
(d) kuba atuye mu Kagari azakoreramo;
(e) kuba azi gusoma no kwandika;
(f) kuba afite ibyangombwa bimuranga (indangamuntu cyangwa ikiyisimbura);
(g) kuba atarakatiwe n'inkiko igifungo kirengeje amezi atandatu;
(h) kuba afite ubuzima buzira umuze kandi byaremejwe na muganga wemewe na Leta;

(i) kuba asobanukiwe gahunda za Leta kandi akazitabira.

**Ingingo ya 19: Uko abakora irondo ry' umwuga batoranwa**

Abakora irondo ry'umwuga batoranywa n'inteko rusange y'abaturage hashingiwe kubikubiye mu ngingo ya 18 y'iyi mirongo ngenderwaho. Urutonde rw' abatoranyijwe rushyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akagari nawe akaruha Komite Mpuzabikorwa y' Irondo ku Kagari ikarwemeza. Iyo rumaze kwemezwa rutangarizwa abaturage mu nteko rusange y' Akagari.

**Ingingo ya 20: Inzego z' imiyoborere z' irondo ry' umwuga n'abazigize**

(1) Buri Kagari gashyiraho inzego z' imiyoborere z'irondo ry'umwuga zikurikira:

(a) Komite Mpuzabikorwa y' Irondo ku Kagari;

(b) Komite Nshingwabikorwa.

(2) Komite Mpuzabikorwa y'Irondo ku Kagari igizwe –

(a) Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akagari akaba n' Umuyobozi wa Komite;
(b) Umukozi ushinzwe imibereho myiza n' iterambere ry' abaturage (SEDO);
(c) Abakuru b' Imidugudu;
(d) Umwe mu bagize Inama Njyanama y'Akagari ushyirwaho n'Abajyanama bagenzi be;
(e) Ushinzwe irondo ry'umwuga mu Kagari;
(f) Umucungamutungo/Umunyamabanga w' irondo ry' Umwuga akaba n'Umwanditsi wa Komite.

(3) Komite Nshingwabikorwa igizwe –

a) Ushinzwe irondo ry'umwuga mu Kagari;
b) Umucungamutungo/Umunyamabanga w' irondo ry' Umwuga;
c) Uhugarariye Itsinda ry' abanyerondo ku Mudugudu.

**Ingingo ya 21: Inshingano za Komite Mpuzabikorwa y' Irondo ku Kagari na Komite Nshingwabikorwa**

(1) Komite Mpuzabikorwa y'Irondo ku Kagari ishinzwe –

(a) gusuzuma no kugenzura ibikorwa n' imikorere y' irondo ry' umwuga;

(b) gukurikirana no gutanga inama ku ikoreshwa ry' umusanzu w' irondo;
(c) gukangurira abaturage gutanga umusanzu w' irondo ku gihe;
(d) kwemeza igurwa ry' ibikoresho by' irondo;
(e) gukurikirana no gufatira ibyemezo abanyerondo b'umwuga bakoze amakosa mu kazi.

(2) Komite Nshingwabikorwa ishinzwe –
(a) gushyira mu bikorwa ibyemezo bya Komite Mpuzabikorwa y'Irondo ku Kagari;
(b) kugaragariza Komite Mpuzabikorwa y' irondo ku Kagari ishusho y' imikorere y' irondo n' uburyo yarushaho kunozwa;
(c) gutegura urutonde rw' ibikoresho by' irondo ry' umwuga, gusaba kubyemeza no kubigura.

**Ingingo ya 22: Abayobora irondo ry' umwuga**

Abagize ubuyobozi bw' irondo ry' umwuga ni aba bakurikira:

(a) Ushinzwe Irondo mu Kagari;
(b) Umucungamutungo/Umunyamabanga mu Kagari;
(c) Umuyobozi w' itsinda ry' abagize irondo ry' umwugaku rwego rw' Umudugudu.

**Ingingo ya 23: Uko abayobora irondo ry' umwuga batoranywa n'uko bemezwa**

(1) Ushinzwe Irondo mu Kagari *(Irondo Cell in charcge Officer) n'* Umucungamutungo mu Kagari n' Umucungamutung/Umunyamabanga batoranwa n' Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akagari, bakemezwa na Komite Mpuzabikorwa y' Irondo mu Kagari.

(2) Umuyobozi w' itsinda ry' abagize irondo ry' umwuga ku rwego rw' Umudugudu *(Irondo Village Team Leader)*, atoranwa n' Umukuru w' Umudugudu afatanyije n'Ushinzwe Umutekano mu Mudugudu, akemezwa na Komite Mpuzabikorwa y' Irondo mu Kagari.

**Ingingo ya 24: Ibisabwa ku bayobozi b' irondo ry' umwuga**

(1) Ushinzwe irondo ry' umwuga mu Kagari agomba –

(a) kuba yarabaye mu nzego z'umutekano ari ku rwego rwa Ofisiye, aho bishoboka, kandi atarasezerewe azira imyitwarire mibi;

(b) kuba ari intangarugero mu mico no mumyifatire;

(c) kuba atuye mu Kagari akoramo inshingano ze, aho bishoboka;

(d) kuba afite ubumenyi mu gutegura raporo;

(e) kuba azi gukoresha neza mudasobwa.

(2) Umucungamutungo/Umunyamabanga agomba –

(a) kuba afite impamyabumenyi nibura ya A2 mu ibaruramari, kuba yarabaye mu nzego z'umutekano bikaba akarusho;

(b) kuba atuye mu Kagari akoreramo inshingano, aho bishoboka;

(c) kuba afite ubumenyi mu gutegura raporo;

(d) kuba azi gukoresha mudasobwa neza.

(3) Uyobora itsinda ry' abanyerondo ry'umwuga agomba –

(a) kuba yarabaye mu nzego z'umutekano aho bishoboka, kandi atarasezerewe azira imyitwarire mibi;

(b) kuba ari intangarugero mu mico no mumyifatire.

**Ingingo ya 25: Inshingano z' abayobozi b' irondo ry'umwuga**

(1) Ushinzwe irondo ry' umwuga mu Kagari ashinzwe-

(a) guhuza ibikorwa by'irondo bikorerwa mu Kagari;

(b) kugenzura umubare nyawo w'abakora irondo (Physical Control);

(c) gufatanya na Komite Mpuzabikorwa y' Irondo ku Kagari, Ubuyobozi bw'Akagari mu gukangurira abaturage gutanga umusanzu w' irondo;

(d) gukurikirana imikorere n'imyitwarire y'abanyerondo ku buryo buhoraho;

(e) gutanga amabwiriza ku bayobozi b' amatsinda y' irondo ry'umwuga ku Midugudu;

(f) kugira inama umuyobozi w' Akagari ku bijyanye n'umutekano;

(g) gukora raporo y' umutekano n' iy' imigendekere y'irondo akayishyikiriza Umuyobozi wa Komite Mpuzabikorwa y' irondo ku Kagari;



φ

(h) gushyira mu bikorwa amabwiriza yerekerenye n' irondo ahawe n' umuyobozi umukuriye.

(2) Umucungamutungo/Umunyamabanga ashinzwe –

(a) gutegura no guhuza raporo cyangwa izindi nyandiko zerekeranye n'irondo zaturutse mu Midugudu;

(b) kubika neza no gushyingura inyandiko zerekeranye n'irondo;

(c) kuba umwanditsi w' inyandikomvugo mu nama ziyoborwa n' Ushinzwe irondo ku Kagari;

(d) kuzuza dosiye igaragaza umwirondoro wa buri munyerondo

(e) gutegura agahimbazamusyi k' abanyerondo;

(f) guhuza imibare y' amafaranga y'umusanzu w' irondo yinjiye n' ayasohotse (Bank reconciliation)

(g) gutegura raporo y'imikoreshereze y'amafaranga y'umusanzu w'irondo (Financial report) ya buri kwezi;

(h) guha amakuru no kugira inama Ubuyobozi bw' Akagari kubijyanye n'umusanzu w' irondo;

(i) kugenzura sisiteme ikoreshwa mu gukusanya umusanzu w'irondo;

(j) gukurikirana buri munsi ko umusanzu w' irondo washyizwe kuri konti yafunguwe n' Akagari igenewe umusanzu w' irondo.

(3) Uyobora Itsinda ry' abagize irondo ry' umwuga ku Mudugudu ashinzwe –

(a) kuyobora no kugenzura imikore y' itsinda ry' irondo;

(b) gukoresha inama abanyerondo bagize itsinda ry'irondo;

(c) kugira inama Umukuru w' Umudugudu ku bijyanye n'umutekano;

(d) gutegura no guha raporo y'ibikorwa by'irondo Ushinzwe irondo ku Kagari;

(e) gushyira mu bikorwa amabwiriza yerekeranye n' irondo ahawe n' umuyobozi umukuriye.

**Ingingo ya 26: Uburyo abagize irondo ry' umwuga banyuranyije n' aya Mabwiriza bafatirwa ibyemezo**

(1) Komite Mpuzabikorwa y' irondo ku Kagari ikurikirana ikanafatira ibyemezo umunyerondo wagaragaweho amakosa akomeye cyangwa imyitwarire inyuranyije n' iyi mirongo ngenderwaho.

(2) Ushinzwe irondo ku Kagari aha Komite ivugwa mu gika cya mbere cy' iyi ngingo raporo y' umunyerondo wagaragaweho imyitwarire inyuranyije n' iyi mirongo ngenderwaho agatumizwa, akagaragarizwa ibyo aregwa nawe

akabyisobanuraho. Iyo amakosa amuhamye, afatirwa icyemezo. Umunyerondo ufatiwe icyemezo akimenyeshwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akagari, bikanatangarizwa abaturage mu nteko rusange y' abaturage b' Akagari.

(3) Umunyerondo wagaragaweho imyitwarire mibi ku irondo afatirwa ibyemezo na Komite Mpuzabikorwa y' irondo ku Kagari. Iyo ibyo yakoze bigize icyaha, akurikiranwa n' inzego z' Ubutabera zibishinzwe.

(4) Iyo bigaragaye ko mu Mudugudu habaye ikibazo cy' umutekano mucye, bikagaragara ko abari bagize itsinda ry'irondo batashoboye gutabarira ku gihe, Komite Mpuzabikorwa y' Irondo ku Kagari isuzuma ikibazo cyabaye, yasanga cyatewe n'uburangare bw' abakoze irondo, ikabafatira ibyemezo, bikamenyeshwa inteko z' abaturage igihe zateranye.

(5) Ibyemezo bifatirwa abanyerondo b' umwuga bagaragaweho n' imyitwarire mibi hashingiwe ku buremere bw'ikosa ryakozwe ku irondo ni ibi bikurikira:

a) kwihanangirizwa;
b) guhagarikwa mu gihe cy' ukwezi kumwe;
c) kwirukanwa.

**Ingingo ya 27: Uko abanyerondo n'abayobozi b' irondo ry' umwuga bavaho**

Umunyerondo cyangwa uyobora irondo ry' umwuga ava mu irondo ry' umwuga, iyo –

(a) yirukanywe azira imyitwarire mibi;
(b) asezeye ku bushake;
(c) agize uburwayi butuma adashobora gukora irondo;
(d) apfuye.

**Ingingo ya 28: Amahugurwa y'abakora irondo ry' umwuga**

(1) Mbere yo gutangira inshingano, abatoranyijwe kuba mu bagize irondo ry'umwuga bahabwa amahugurwa ajyanye ko kunoza inshingano zabo.

(2) Ubuyobozi bw' Akarere ku bufatanye na Polisi y'Igihugu ikorera mu Karere butegura amahugurwa y'abakora irondo ry'umwuga hashingiye ku urutonde rw' abazahugurwa rutegurwa n' Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa buri Kagari.

(3) Ibikenerwa mu gutegura no gukora amahugurwa y'abakora irondo ry' umwuga bitangwa n' Uturere cyangwa Umujyi wa Kigali.

(4) Iyo abanyerondo b' umwuga bamaze guhugurwa, buzurizwa imyirondoro mu gitabo cyabugenewe kigenwa n' ubuyobozi bw' Akagari, bagahabwa ibikoresho bazifashisha mu kazi. Urutonde rwabo n'aho bazakorera bishyikirizwa Abakuru b'Imidugudu.

**Icyiciro cya 3: Ibihuriweho n'irondo ry'umwuga n'irondo ritari iry' umwuga**

**Ingingo ya 29: Ibikorwa n' imyitwarire bibujijwe umunyerondo**

Umunyerondo abujijwe ibikorwa n' imyitwarire bikurikira:

(a) ubujura no gukorana n'amatsinda y'abajura;
(b) kwakira no gutanga ruswa cyangwa ibifitanye isano nayo;
(c) guhohotera, gukubita, guhutaza no gutera ubwoba abaturage;
(d) kwakira imisanzu y'irondo n'indi iyo ariyo yose;
(e) kwiyandarika;
(f) gusiba gukora irondo nta mpamvu yumvikana yamenyesheje umuyobozi umukuriye;
(g) gusinzira ari ku irondo;kwivanga mu miyoborere y'inzego z'ubuyobozi;
(h) kunywa ibisindisha igihe ari ku irondo;
(i) kwivanga mu bikorwa by'amashyaka mu gihe ari mu nshingano;
(j) n'ibindi bikorwa cyangwa imyitwarire bitaboneye.

**Ingingo ya 30: Abakozi bashinzwe irondo ku Rwego rw' Umurenge**

Umuyobozi wa Polisi y'Igihugu ikorera mu ifasi y'Umurenge akurikirana imikorere y'irondo akunganirwa n' Umuhuzabikorwa wa DASSO ku rwego rw'Umurenge.

## UMUTWE WA III:UMUSANZU W' IRONDO RY' UMWUGA, UBURYO UKUSANYWA N' IMIKORESHEREZE YAWO

**Ingingo ya 31: Inkomoko y' umusanzu w' irondo ry' umwuga**

(1) Umusanzu w' irondo ry' umwuga utangwa na buri rugo ruri mu ifasi y'Akagari cyangwa agace kayo bikoresha irondo ry' umwuga.
(2) Buri rugo ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rutanga umusanzu w'irondo, ugenwa n' inteko z'abaturage hashingiwe ku bushobozi bw' abatuye mu Kagari, ungana n'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya 500 kandi atarenga 5000. Icyakora, umuturage ku giti cye wifuza gutanga umusanzu uri

hejuru y'uteganyijwe muri iki gika yemerewe kuwutanga, akabikora ku bushake bwe.

**Ingingo ya 32: Uburyo bwo gukusanya umusanzu w' irondo**

(1) Umusanzu w'irondo utangwa buri kwezi kuri konti y'Akagari, iri mu Murenge SACCO, yagenewe umusanzu w'irondo hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga bugenwa kandi bukanacungwa n'Urwego rwa Leta rufite ikoranabuhanga mu nshingano. Icyakora, Ubuyobozi bw'Akarere cyangwa bw'Umujyi wa Kigali bufite uburenganira bwo kwemerera Ubuyobozi bw'Utugari gufungura konti igenewe umusanzu w' irondo mu kindi kigo cy' imari.

(2) Utanze umusanzu w'irondo agenzura ko yakiriye ubutumwa bw' uko yawutanze neza. Iyo nta butumwa yakiriye, abimenyesha umukozi ubishinzwe kugirango agenzure ko wageze kuri konti y' Akagari yagenewe umusanzu w' irondo.

(3) Uburyo bwo kwakira umusanzu mu ntoki ntibwemewe *(zero cash in hand)*.

(4) Ubuyobozi bw' Akagari, Umurenge, Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali bigenzura uburyo bw' ikoranabuhanga buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

**Ingingo ya 33: Abashinzwe gukurikirana ikusanywa ry' umusanzu w' irondo**

Ubuyobozi bw' Umudugudu bwunganiwe n' ubw' Akagari bufite inshingano yo gushyiraho uburyo bwo gukurikirana ko ingo zitanga umusanzu w' irondo ku gihe.

**Ingingo ya 34: Imikoreshereze n' imicungire y' umusanzu w' irondo**

(1) Umusanzu w'irondo ukoreshwa mu buryo bukurikira:

a) kwishyura agahimbazamusyi k' abanyerondo b'umwuga, Ushinzwe Irondo ry' Umwuga ku Kagari, Umucungamutungo/Umunyamabanga w' Irondo ku Kagari, Umuyobozi w' Itsinda ry' irondo ry' Umwuga mu Mudugudu;

b) kugura ibikoresho byifashishwa mu irondo;

c) ibindi byerekerenye n'irondo bimaze byemejwe na Komite Mpuzabikorwa y' irondo ku Kagari.

(2) Umucungamutungo/Umunyamabanga w' irondo ku Kagari niwe ufite inshingano za buri munsi zo gucunga umusanzu w'irondo.



ዊ

(3) Umucungamutungo/Umunyamabanga w' irondo ku Kagari akora ubugenzuzi yifashishije ikoranabuhanga ryifashishwa mu gukusanya umusanzu w' irondo, agashyikiriza Ushinzwe Irondo ku Akagari raporo y' uburyo imisanzu y' irondo itangwa, nawe akayiha Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akagari.

(4) Buri gihembwe, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari n'Abakuru b'Imidugudu bamenyesha inteko rusange z' abaturage ingano y' umusanzu w' irondo wakusanyijwe n'uburyo wakoreshejwe.

## UMUTWE WA IV : AGAHIMBAZAMUSHYI KAGENERWA ABANYERONDO B'UMWUGA

### Ingingo ya 35 : Ingano y' agahimbazamusyi gahabwa abanyerondo b'umwuga

(1) Abakora irondo ry' umwuga, bahabwa agahimbazamusyi mu buryo bungana mu Tugari twose dufite irondo ry' umwuga, hakurikijwe imbonerahamwe ikurikira :

| N° | Icyiciro cy'abanyerondo | Ingano y' agahimbazamusyi/FRW |
|---|---|---|
| 1 | Ushinzwe Irondo ku Kagari | 100,000/buri kwezi |
| 2 | Umunyamabanga/Umucungamutungo w'Irondo ku Kagari | 80,000/buri kwezi |
| 3 | Umunyerondo | 60,000/buri kwezi |

(2) Icyakora, bitewe n'ubushobozi bw' abaturage b'Akagari/Umudugudu n'ibikorwa by'irondo bikenewe, Komite Mpuzabikorwa y'Irondo ku Kagari ishobobora kugena agahimbazamusyi kari–hejuru y'agateganyizwe, imaze kugisha inama Umuyobozi w'Akarere cyangwa uw'Umujyi wa Kigali.

(3) Agahimbazamusyi gahabwa umunyerondo ntigakatwaho imisoro cyangwa ikindi gikatwa abakozi b'inzego za Leta cyangwa iz'abikorera bahembwa imishahara kandi ugahabwa nta kindi agenerwa kigashingiyeho.



٩

**Ingingo ya 36 : Uburyo abanyerondo b' umwuga bahabwa agahimbazamusyi**

(1) Agahimbazamusyi kagenewe abakora irondo ry'umwuga, bagahabwa bitarenze tariki 30 ya buri kwezi kagashyirwa kuri konti zabo ziri mu Umurenge SACCO.

(2) Gutegura agahimbazamusyi k' abagize irondo ry' umwuga bikorwa mu buryo bukurikira:

(a) Umucungamutungo/Umunyamabanga w' Irondo ku Kagari ategura urutonde rw'abahabwa agahimbazamusyi ashingiye kuri raporo igaragaza umubare w' abitabiriye irondo n'iminsi bakoze akayiha Ushinzwe irondo ku Kagali;

(b) iyo Ushinzwe irondo ku Kagari amaze kwakira urutonde rw' abahabwa agahimbazamusyi, agenzura ibirukubiyemo akandikira Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akagari w' Akagari amusaba kurwemeza no guhemba, bigakorwa bitarenze itariki ya 25 y' ukwezi.

## UMUTWE WA V: INSHINGANO Z'INZEGO Z'IBANZE N'URWEGO RW' INTARA MU BIJYANYE N'IMIKORERE Y'IRONDO

**Ingingo ya 37: Inshingano z' Urwego rw' Umudugudu**

Mu rwego rwo gukurikirana imikorere y'irondo, ubuyobozi bw' Umudugudu bufite inshingano zikurikira:

(a) guhuza ibikorwa by' irondo no gutanga raporo ku buyobozi bw' Akagari;
(b) gukangurira abaturage kugira uruhare mu kubungabunga umutekano hakorwa amarondo;
(c) kuyobora inteko y'abaturage mu guhitamo abazakora irondo ry' umwuga;
(d) gutanga amabwiriza ku matsinda y'irondo ritari iry' umwuga no kugena abayobozi bayo;
(e) gukurikirana imikorere y' irondo;
(f) kugenzura ko amakayi y'Umudugudu yuzuzwa neza kandi ku gihe;
(g) kumenya no gukurikirana abantu bashya cyangwa badasanzwe bari mu Mudugudu;
(h) gukurukirana no gutangira ku gihe amakuru yose ajyanye n' igishobora guhungabanya umutekano;
(i) gushishikariza abaturage gutangira ku gihe umusanzu w' irondo.



4

**Ingingo ya 38: Inshingano z' Urwego rw' Akagari**

Mu rwego rwo gukurikirana imikorere y'irondo, ubuyobozi bw'Akagari bufite inshingano zikurikira:

(a) gushishikariza abaturage gutangira ku gihe umusanzu w' irondo;
(b) guhuza no gukurikirana ibikorwa byose bikorerwa mu Kagari mu rwego rwo kubungabunga umutekano;
(c) gukurikirana imikusanyirize y' umusanzu w'irondo n' ikoreshwa ryawo;
(d) kumenyesha abaturage mu nteko rusange umusanzu wakusanyijwe n'uko wakoreshejwe;
(e) kwegeranya amakuru yose yerekereranye n' umutekano avuye mu Midugudu no kuyatangira ku gihe mu nzego bireba;
(f) gusura Imidugudu no gukoresha inama zitandukanye mu rwego rwo gushishikariza abatuye mu Kagari kwirindira umutekano;
(g) gutegura no kuyobora inama y' umutekano mu Kagari;
(h) gukurikirana ko amakayi y'Umudugudu yuzuzwa no kugenzura ko ibyanditsemo byuzuye;
(i) gutanga amakuru y' ibyo babona byahungabanya umutekano ku buyobozi bw' Umurenge.

**Ingingo ya 39: Inshingano z' Urwego rw' Umurenge**

Mu rwego rwo gukurikirana imikorere y'irondo, ubuyobozi bw'Umurenge bufite inshingano zikurikira:

(a) gutegura no kuyobora inama ya komite Mpuzabikorwa y' irondo ku Kagari rimwe mu gihembwe cyangwa ikindi gihe cyose bibaye ngombwa hagamijwe gusuzuma imikorere y'irondo;
(b) gukurikirana imikusanyirize y' umusanzu w'irondo mu Tugari n' ikoreshwa ryawo;
(c) gukurikirana no gutanga amakuru ku Muyobozi w'Akarere n' inzego z'umutekano ku bikorwa bishobora guhungabanya umutekano mu Murenge;
(d) guhuza no gukurikirana ibikorwa byose bikorerwa mu Tugari mu rwego rwo kubungabunga umutekano;
(e) gufatanya n'inzego z' umutekano mu gukumira ibyaha no gushishikariza abaturage kwirindira umutekano;
(f) kugira inama abagize inzego z' imiyoborere y'irondo mu Tugari;

(g) gutanga raporo y' umutekano ku Karere;
(h) gufatanya n' Ubuyobozi bw'Utugari gutegura amahugurwa agamije kubakira ubushobozi abagize irondo ry' umwuga;
(i) gukurikirana ishyirwamubikorwa ry' iyi mirongo ngenderwaho.

**Ingingo ya 40: Inshingano z' Urwego rw' Akarere**

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko, mu rwego rwo gukurikirana imikorere y'irondo, Ubuyobozi bw'Akarere bufite inshingano zikurikira:

(a) gukurikirana imikorere y' amarondo mu Mirenge;
(b) kugira inama Ubuyobozi bw' Imirenge ku bijyanye n'imikorere y' amarondo;
(c) gukora ubugenzuzi bw' imikusanyirize n'imikoreshereze y' umusanzu w'irondo;
(d) gusabira cyagwa gufatira ibyemezo abatubahiriza iyi mirongo ngenderwaho;
(e) kugena ingengo y' imari yifashishwa mu gutegura amahugurwa agamije kongerera ubushobozi abanyerondo b' umwuga;
(f) kugena ingengo y' imari ikoreshwa ku modoka y' umutekano n' imishahara y' abashoferi bayo, aho ziri, kandi idakuwe mu misanzu y' irondo;
(g) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry' iyi mirongo ngenderwaho.

**Ingingo ya 41: Inshingano z' Urwego rw' Umujyi wa Kigali**

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko, mu rwego rwo gukurikirana imikorere y'irondo, Ubuyobozi bw' Umujyi wa Kigali bufite inshingano zikurikira:

(a) gukurikirana imikorere y'irondo;
(b) gukurikirana imikusanyirize y'umusanzu w'irondo n'uburyo ukoreshwa;
(c) kugira inama Uturere ku bijyanye n'imikorere y' amarondo no gukemura ibibazo byagaragaye;
(d) kugena ingengo y' imari yifashishwa mu gutegura amahugurwa agamije kongerera ubushobozi abanyerondo b' umwuga;
(e) kugena ingengo y' imari ikoreshwa ku modoka y' umutekano n' imishahara y' abashoferi bayo, aho ziri, kandi idakuwe mu misanzu y' irondo;
(f) gukora ubugenzuzi bw' imikusanyirize n' imikoreshereze y' umusanzu w'irondo;
(g) gukurikirana ishyirwamubikorwa ry' iyi mirongo ngenderwaho.

**Ingingo ya 42: Inshingano z' Urwego rw' Intara**

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko, mu rwego rwo gukurikirana imikorere y'irondo, Ubuyobozi bw'Intara bufite inshingano zikurikira:

(a) gukurikirana no gukora ubugenzuzi bw'imikusanyirize y' umusanzu w' irondo n'uburyo ukoreshwa;

(b) kugira inama Uturere ku bijyanye n' imikorere y' amarondo no gukemura ibibazo byagaragaye;

(c) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry' iyi mirongo ngenderwaho no gusaba gufatira ibyemezo abayirenzeho.

**UMUTWE WA VI: AMAKAYI Y'UMUDUGUDU, UBURYO AKORESHWA NO GUHEREREKANYA AMAKURU**

**Ingingo ya 43 : Amakayi y'Umudugudu, uburyo akoreshwa n'ibyiciro byayo**

(1) Mu rwego rwo kubungabunga umutekano mu buryo bunoze, buri Mudugudu ugomba kuba ufite amakaye ari mu byiciro bitatu bikurikira:

(a) Ikayi y'abaturage rusange batuye Umudugudu;

(b) Ikayi y'ibibazo/ibyahungabanyije umutekano mu Mudugudu;

(c) Ikayi y'abinjira n'abasohoka mu Mudugudu.

(2) Amakayi avugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ashobora gukorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga bugenwa na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu.

**Ingingo ya 44: Kuzuza no kubika Amakaye y' Umudugudu**

(1) Ikayi y' abaturage rusange batuye Umudugudu yuzuzwa n'Umukuru w'Umudugudu.

(2) Ikayi y'ibibazo by'umutekano mu Mudugudu n' Ikayi y'abinjira n'abasohoka mu Mudugudu zuzuzwa n'Ushinzwe Umutekano mu Mudugudu afatanyije n' Umukuru w' Umudugudu.



4

(3) Amakaye yose abikwa n' Umukuru w'Umudugudu akagenzurwa n'Ubuyobozi bw' Akagari.
(4) Imiterere ya buri cyiciro cy' ikayi y'Umudugudu igaragara ku mbonerahamwe ya mbere; iya II n'iya III ziri ku mugereka w' iyi mirong ngenderwaho.

**Ingingo ya 45: Isesengura ry'amakuru atangwa mu bijyanye n'umutekano**

Raporo z' amakuru y' umutekano atangwa zikorerwa isesengura n' inzego z' ubuyobozi bw' ibanze cyane cyane urwego rw' Umurenge, Akarere, Intara n' Umujyi wa Kigali, n'inzego z' umutekano. Amakuru yatanzwe afasha mu gufata ingamba zo kubungabunga umutekano muri rusange no gukumira ibyaha.

**Ingingo ya 46: Uburyo bwo guhererekanya amakuru**

Abayobozi mu nzego z' ibanze n' Urwego rw' Intara bahanahana amakuru ku gihe hifashishijwe uburyo butandukanye bwo gutanga amakuru.

**Ingingo ya 47: Gukangurira abaturage kwirindira umutekano, gutanga amakuru no kuvuguruza impuha**

Inzego z' ibanze byumwihariko Umujyi wa Kigali, Uturere n' Imirenge zikangurira abaturage kwirindira umutekano, gutanga amakuru y' icyawuhungabanya no kuvuguruza impuha hifashishijwe inama z' abaturage, itangazamakuru ririmo amaradiyo, televiziyo, imbuga nkoranyambaga n' ubundi buryo bwo gusakaza amakuru.

**Ingingo ya 48: Inshingano yo gutanga amakuru ku gihe na raporo zirebana n'umutekano**

Abayobozi b' inzego z' ibanze batanga amakuru cyangwa raporo ku nzego zibakuriye inshuro ebyiri ku munsi (saa kumi n'ebyiri za mu gitondo na saa kumi n'ebyiri za ni mugoroba). Icyakora, amakuru cyangwa raporo yihutirwa bitangwa igihe cyose bibaye ngombwa.



4.

## UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE N' IZISOZA

### Ingingo ya 49: Ibisabwa inzego z'umutekano

Inzego z' umutekano zirasabwa by' umwihariko ubufantanye mu ishyirwamubikorwa ry' iyi mirongo ngenderwaho kugira ngo buri rwego rurangize neza inshingano zarwo mu kubungabunga umutekano.

### Ingingo ya 50: Ibyemezo bifatirwa abatubahiriza iyi mirongo ngenderwaho

Bitabangamiye ibiteganywa n' amategeko, Inama Njyanama y'Akarere n' iy'Umujyi wa Kigali –

(a) zishyiraho ibyemezo bifatirwa Umuyobozi mu nzego z' ibanze udashyira mu bikorwa iyi mirongo ngenderwaho;

(b) zigena ibyemezo bifatirwa umuturage ukora ibinyuranyije n'iyi mirongo ngenderwaho.

### Ingingo ya 51: Ivanwaho ry' amabwiriza

Amabwiriza ya Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu No 001/07.01 yo kuwa 04/01/2013 ajyanye no kubungabunga umutekano kuva ku Rwego rw'Intara n' urw' Umujyi wa Kigali kugera ku Rwego rw' Umudugudu kimwe n'izindi ngingo zose zinyuranye n'iyi mirongo ngenderwaho bivanyweho.

### Ingingo ya 52: Igihe iyi mirongo ngenderwaho itangira gukurikizwa

Iyi mirongo ngenderwaho itangira gukurikizwa ku munsi ishyiriweho umukono.

Bikorewe i Kigali, kuwa 26/01/2024.

**MUSABYIMANA Jean Claude**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw' Igihugu**

## IMIGEREKA

**Umugereka wa mbere: Ikayi y' Abaturage rusange batuye mu Mudugudu**

Umudugudu wa……………..

Akagari ka…………………..

Umurenge wa………………

Akarere ka…………………..

Intara/Umujyi wa…………..

| Nº | Amazina y'abagize Umuryango | Nº ID | Igihe yaturiye muri Uwo Mudugudu | Urwego rw'imiturire (nyir' inzu/Ukodesha na nyirayo) | Igihe umuntu yimukiye | Icyitonderwa |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Umugore | | | | | |
| | Umugabo | | | | | |
| | Abana | | | | | |
| | Abandi | | | | | |

**Umugereka wa II: Ikayi y' ibibazo/ibyahungabanyije umutekano Mudugudu**

Umudugudu wa……………..

Akagari ka…………………..

Umurenge wa………………

Akarere ka…………………..

Intara/Umujyi wa…………..

| Nº | Incamake y' ikibazo | Amazina y' umuturage/ umuryango/ agace afitemo ikibazo | Impamvu/ uwagize uruhare | Igihe icyaha/ikibazo cyabereye/ cyakorewe | Uburyo icyaha/ikibazo cyakemuwe | Icyitonderwa |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | |
| | | | | | | |



ᑫ

**Umugereka wa III: Ikayi y' abinjira n'abasohoka mu Mudugudu**

Umudugudu wa……………..

Akagari ka…………………..

Umurenge wa………………

Akarere ka…………………..

Intara/Umujyi wa……………

| No | Amazina y' umushyitsi | Ikimuranga na $n^0$ yacyo | Ubwenegihugu | Aho akomoka n' ikimugenza | Igihe azamara/ amaze aho | Amazina y' umuntu/ Umuryango wasuwe | Icyitonderwa |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | | |
| | | | | | | | |